

GUKODESHA INZU MURI LETA ZUNZE UBUMWE Z'AMERIKA

Muri Amerika abantu benshi bakodesha inzu cyangwa bakabana mu nzu bafatany kwishyura. Mu gihe ushaka aho gutura, gusobanukirwa n'ingengo y'imari yawe, igiciro-fatizo cy'ubukode aho utuye, ndetse n'ibyo ukeneye mu nzu, ni ingenzi.

IBYEREKERANYE NO GUKODESHA INZU MURI AMERIKA

Amoko y'ingenzi y'inzu zikodeshwa ni inyubako zigeretse nini n'intoya - aparitoma, inzu zagenewe abafite imiryango migari, inzu zigabanyije mu magorofa, ndetse n'inzu abantu bashobora gufatanya kwishyura aho ushobora gukodesha icyumba. Aparitoma zikodeshwa, inzu zagenewe abafite imiryango migari, ndetse n'inzu zindi ziba zifite igikoni, uruganiriro n'uburiro, ibyumba byo kuraramo, ndetse n'ubwogero bumwe cyangwa burenze bumwe. Inzu zikodeshwa mu bufatanye ziba zisangiye igikoni, uburiro ndetse akenshi na n'ubwogero.



Amoko y'inzu ziboneka agendana n'ahantu aho ari ho. Mu mijyi minini, akenshi uzahasanga za aparitoma zikodeshwa. Hanze y'imijyi, mu nkengero cyangwa mu mijyi mitoya, uzahasanga uruvange rwa aparitoma, inzu zo mu muji, ndetse n'inzu zisanzwe.



Igihe ukodesha, wishyura nyir'inzu cyangwa umucungira umutungo amafaranga mwemeranyijeho buri kwezi. Akenshi, usinya amasezerano y'ubukode yitwa lease.




Amasezerano y'ubukode akwemerera kuba mu nzu yawe mu gihe cyemeranyijeho kandi ku kiguzi cy'ubukode cya buri kwezi cyemeranyijeho.

MBERE YO GUSHAKISHA INZU

Mbere y'uko utangira gushakisha inzu, ugomba kumenya ingengo y'imari ufite ndetse n'aho wahisemo kuba. Hitamo ibyo ukeneye mu nzu yo kubamo, bya nyabyo koko **ugomba** kuba ufite kugira ngo uture utuje kandi utekanye, cyane cyane iyo hari uwo mu muryango ufite ubumuga.

Ikindi wite ku ho akazi kawe kari, ahari amaduka acuruza ibiribwa, amashuri, ibigo bihuza abantu, amasomero, ahagera uburyo bwo gutwara abantu mu buryo bwa rusange. icya nyuma, tekereza k'uko wagera ku bigo bitanga ubufasha ku muryango cyangwa abaturage.



Ingengo y'imari yawe izagufasha gusobanukirwa n'ubukode wabasha kwishyura buri kwezi, ari nabwo ubusanzwe butwara amafaranga menshi. Muri rusange, abantu muri Amerika bagerageza kutarenza 30 ku ijana by'amafaranga urugo rwinjiza yavanywemo imisoro. icyakora, benshi mu bimukira bashya bashobora gukoresha 40 cyangwa 50 ku ijana kugira ngo babashe kubona inzu bakeneye.



KUBONA INZU ZICIRIRITSE

Inzu muri Amerika zirahenze, cyane cyane ku b'amikoro make. Ariko hari n'ubufasha.



Umuterankunga wawe cyangwa itsinda rw'abaterankunga, Urwego Rwagutuje, cyangwa irindi tsinda ryakira abimukira nka AmeriCorps bagufasha kubona amikoro yo gukodesha inzu.

Cultural Orientation Resource Exchange

For more information, visit Settle In at settlein.us.org.